Bibiliya y'abana
irerekana

Yesu umwigisha ukomeye

yanditswe na: Edward Hughes
yahinduwe na: Yohani Batisita B.
yashushanyijwe na: Byron Unger; Lazarus
yahujwe na: E. Frischbutter; Sarah S.

Story 42 of 60

www.M1914.org

Bible for Children, *PO Box 3, Winnipeg, MB R3C 2G1 Canada*

Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru igihe cyose utagamije kugurisha.

Kinyarwanda



Yesu yigishije ibintu byinshi. Yavuze ko abantu b'Imana bamurikira isi nk'uko buji (urumuli) imurikira inzu yijimye. Mbega akarusho ka buji (urumuli) mu cumba kirimo umwijima!

3

Yesu yavuganye n'abari bifitemo umuco wo guhõra: "ijisho ku rindi iryinyo ku rindi". Ahubwo, Yesu yabigishije kugira ubuntu, kugira imbabazi ndetse no gukunda abanzi bacu.



4

Mu gihe cya Yesu, hari abantu bashakaga kugaragaza ko bakiranutse cyane.

5

Igihe bahaga amafranga abakene, habaga hari ugomba kuvuza impanda kugira ngo buri muntu wese abibone.

6



"Tanga mu ibanga Imana izakugororera. Byavuzwe na Yesu."

7

Yesu nibyo yigishije no kubirebana n'isengesho. Bamwe iyo basenga bajya mu nzira kugira ngo buri wese abarebe kandi abumve.

8

Basuzugura Imana. Banejejwe cyane no gushimisha abagira icyo babatekerezaho. Yesu yabise indyandya n'inkozi z'ibibi.

9

Yesu yakundaga gukoresha ikirere asobanura inyigisho ze. Urugero yatunze urutoki inyoni … maze aravuga: Imana Yanyu iri mu ijuru irazigaburira. Mureke kwiganyira. Imana namwe izabagaburira.

10

"Ndetse n'umukire w'umwami Salomo ntiyigeze arimba kurusha indabyo". Yesu akomeza avuga: "Niba Imana yambika indabyo zo mu mirima, ntabwo mwebwe azabambika?"

11

Yesu yigishaga abantu kwizera Imana itanga igisubizo ku byifuzo byacu.

12

"Niba ucira mugenzi wawe urubanza, ni kimwe no gutokora agatotsi kari mu jisho rya mugenzi wawe kandi ufite umugogo uri mu jisho ryawe utikuramo". Yesu niwe ubivuze. Birashoboka ko byasekeje abantu ariko bagombye gutekereza ku byo yashatse kuvuga.

13

Yesu yabwiraga abantu ko bagomba kwiyambaza Imana. Ese ababyeyi bahereza abana babo amabuye mu gihe babasabye umutsima bashonje? Oya babaha ibyiza. Imana nayo itanga ibyiza ku bayisabye.

14

Yesu Umwigisha ukomeye, yihanangirije abahanuzi b'ibinyoma. Yesu aragira ati: biyorosa uruhu rw'intama. "Kandi imbere ari amasega aryana." Yakomeje avuga ko abahanuzi b'ibinyoma muzabamenyera ku mibereho yabo.

15

Mu yindi nkuru Yesu yavuze, yarekanye ko abubaha ijambo ry'Imana bameze nk'umuntu wubatse inzu ye ku rutare. Imvura yaraguye, umuyaga urahuha. Birangiye inzu ntiyagwa.

16

Ariko umugabo utazi ubwenge yubatse inzu ye ku musenyi. Mu gihe imvura yaguye, umuyaga ugahuha, inzu yaraguye kuko fondasiyo yayo yari idakomeye. Yesu aragira ati: umuntu utubaha Ijambo ry'Imana ameze atyo.



17

Abamukurikiraga batangajwe n'amagambo ya Yesu. Ntibigeze bumva ibintu nk'ibyo babaho. Noneho bamenye ko kumva ijambo ry'Imana bidahagije. Bagomba kuryubahiriza umunsi k'uwundi.

18

Yesu umwigisha ukomeye

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Matayo 5-7, Luka 6

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo."
Zaburi 119:130

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, aribyo yita icyaha. Igihano cy'icyaha n'urupfu.

Imana iradukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo, Yesu, gupfira kumusaraba maze yishyura igihano cyacu. Yesu yarazutse maze asubira mu ijuru! Ubu Imana ishobora kubabarira ibyaha byacu.

Niba ushaka kuva mu byaha byawe, bwira Imana uti: Ku nshuti yanjye Imana, Nizera ko Yesu yamfiriye kandi ubu akaba ari muzima na none. Ndakwinginze ngwino mu buzima bwanjye maze umbabarire ibyaha byanjye, kugira ngo uyu munsi mbashe kubona ubuzima bushya, maze mbane nawe ubuzira herezo. Mfasha kubaho ku bwawe nk'umwana wawe. Amina. Yohana 3:16

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana buri munsi!